
# ABADAHIGWA BADAHUSHA INTEGO







## IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO

***IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO GISOHOKA BURI KWEZI KIBANDA KU MAKURU ATANDUKANYE Y'IBYAKOZWE MU MIYOBORERE MYIZA, UBUKUNGU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE***

1357 @rulindodistrict info@rulindo.gov.rw

# INKURU Z'INGENZI Z'IBYAKOZWE MURI NYAKANGA 2025

## NYAKANGA, 2025

- **UMUYOBOZI W'INGABO MU NTARA Y'AMAJYARUGURU COL. STEVEN KAYIGUMIRE YASABYE ABAYOBOZI GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE .**



- **MU KWIZIHIZA UMUNSI MUKURU WO KWIBOHORA KU NSHURO YA 31 HATASHYWE INZU ITUBURIRWAMO IMBUTO Y'IBIRAYI.**



- **INGABO Z'IGIHUGU ZAHAYE AMAZI MEZA IKIGO NDERABUZIMA CYA CYINZUZI.**



- **UMUYOBOZI W'AKARERE MADAMU MUKANYIRIGIRA JUDITH YASABYE ABASHINZWE UBUHINZI KWEGERA ABAHINZI BAKABAFASHA KONGERA UMUSARURO .**

- **RULINDO HARI KUBAKWA INYUBAKO IZAJYA ITUNGANYIRIZWAMO IBIHINGWA BYOHEREZWA MU MAHANGA.**



- **RULINDO HEMEJWE AMASEZERANO YO GUHUZA IMIRENGE SACCO YOSE IGAKORA SACCO IMWE Y'AKARERE.**

- **RULINDO HATANGIJWE GAHUNDA YO KWITA KU BANA N'URUBYIRUKO MU BIRUHUKO .**



**MASORO: UMUYOBOZI W'INGABO MU NTARA Y'AMAJYARUGURU COL STEVEN KAYIGUMIRE YASABYE ABAYOBOZI GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE**



Tariki ya 29 Nyakanga mu Murenge wa Masoro habereye inama y'umutekano yahuje abahagarariye ibyiciro bitandukanye n'umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith ari kumwe n'Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyaruruguru hamwe n'umuyobozi wungirije wa Polisi CSP Prudence NGENDAHIMANA.

Iyi nama yitabiriwe n'abayobozi kuva kuri mutwarasibo, abashinzwe ubujyanama mu mibereho myiza n'iterambere abanyamadini n'amatorero abikorera n'abavuga rikumvikana mu murenge wa Masoro.
Umuyobozi w'Akarere madamu MUKANYIRIGIRA Judith yibukije aba bayobozi amahitamo y'igihugu ariyo: **Ubumwe bw'Abanyarwanda,Kubazwa inshingano no gutekereza byagutse.**
yakomeje abasobanurira icyerekezo cy'igihugu 2050 na gahunda y'igihugu y'imyaka itanu yo kwihutisha iterambere NST2, abasaba gufatanya mu kugeza abaturage ku iterambere umukuru w'igihugu yifuriza abanyarwanda.



*MADAMU MUKANYIRIGIRA JUDITH UMUYOBOZI W'AKARERE*

*Muri iyi nama hanagarutswe ku kibazo cy'abaturage bishora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro butumewe*



*MUKOSHIKI ZAINAB UKURIYE URWEGO RW'UBUGENZACYAHA MU KARERE*

Ukuriye urwego rw'ubugenzacyaha mu Karere Madamu MUKOSHIKI Zainab yibukije aba bayobozi ko hari itegeko n'ibihano bihabwa umuntu ukora ubucukuzi butemewe abasaba no kubisobanurira abaturage bakamenya ko hari ibihano biremereye ku muntu wishora muri ubwo bucukuzi.

Umuyobozi wa Polisi wungirije mu Ntara y'Amajyaruguru CSP Prudence NGENDAHIMANA yasabye bayobozi bo muri uyu murenge gufatanya kurwanya ibyaha cyane cyane ibiyobyabwenge, ubujura n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe.



*SCP.PRUDENCE NGENDAHIMANA UMUYOBOZI WA POLISI WUNGIRIJE MU NTARA Y'AMAJYARUGURU*

CSP Prudence NGENDAHIMANA yibukije aba bayobozi ko ibiyobyabwenge,n'ubucukuzi butemewe bigira ingaruka nyinshi ku baturage zirimo ubwicanyi ,amakimbirane mu miryango,kuba abana bata amashuri n'izindi ngaruka zitandukanye.

Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyaruguru COL Steven KAYIGUMIRE muri iyi nama y'umutekano yabanje kwizeza abayitabiriye ko igihugu kirinzwe neza kandi ko umutekano w'igihugu uzakomeza kumera neza.



*COL. STEVEN KAYIGUMIRE AGANIRIZA ABAYOBOZI BO MURI MASORO*

Col. Steven KAYIGUMIRE nawe yagarutse ku mahitamo y'igihugu ndetse yibutsa abayobozi ko mu byo bakora byose bagomba gukorera umuturage. Col KAYIGUMIRE Steven yasabye aba bayobozi gufatanya mu gukemura ibibazo by'abaturage bashyira umuturage ku isonga.

## MU KWIZIHIZA UMUNSI MUKURU WO KWIBOHORA KU NSHURO YA 31 HATASHYWE INZU ITUBURIRWAMO IMBUTO Y'IBIRAYI



Mu kwizihiza umunsi mukuru wo kwibohora umuyobozi w'Akarere madamu MUKANYIRIGIRA Judith ari kumwe na perezida w'inama njyanama bwana DUSABIRANE Aimable, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere n'abandi bayobozi bifatanyije n'abaturage bo mu murenge wa Kisaro ahatashywe ku mugaragaro inzu ituburirwamo imbuto y'ibirayi.

Iyi nzu yubatswe n'Akarere ku bufatanye na Caritas diyoseze ya Byumba binyuze mu mushinga KUNGAHARA uterwa inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi.

Nyuma yo gusura no gusobanurirwa ibimaze kugerwaho na koperative zikorana nuyu mushinga, abaturage bahawe ikiganiro cyo kwibohora bagaragarizwa ibimaze kugerwaho mu miyoborere,ubukungu n'imibereho myiza y'Abaturage.

Byumwihariko mu murenge wa Kisaro hagarutswe ku muhanda Base - Gicumbi ugakomeza Nyagatare,hamwe n'ishuri ry'ubuhinzi TSS Kisaro rifatwa nka kaminuza.



***MADAM MUKANYIRIGIRA JUDITH UMUYOBOZI W'AKARERE***

umuyobozi w'Akarere madamu MUKANYIRIGIRA Judith yashimangiye ko Kwibohora ari umwanya mwiza wo kuzirikana ibyagezweho mu myaka 31 ishize ingabo zari iza RPF INKOTANYI zitwaga RPA zihagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi akaba yarasabye abaturage kugira uruhare mu kubibungabunga

## INGABO Z'IGIHUGU ZAHAYE AMAZI MEZA IKIGO NDERABUZIMA CYA CYINZUZI



Tariki ya 3 Nyakanga Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith ari kumwe n'Umuyobozi w'Ingabo mu Turere twa Burera, Gicumbi na Rulindo CoL SAFARI Alphonse n'abandi bayobozi mu nzego zitandukanye bafunguye ku mugaragaro amazi yagejejwe mu kigo nderabuzima cya Cyinzuzi.

Kuri iyi tariki kandi nibwo mu gihugu hose hasojwe ibikorwa inzego z'umutekano byumwihariko ingabo zu Rwanda zifatanya n'abaturage.
Umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Cyinzuzi Sr NTITWIHIRAGABA Christine ashimira ingabo z'igihugu n'ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo kuba babashije kubagezaho amazi meza ngo kuko mbere bakoreshaga amazi y'imvura mu gihe cy'izuba bakavoma mu kabande bakoresheje imodoka.



***SOEUR NTITWIHIRAGABA CHRISTINE UMUYOBOZI W'IKIGO NDERABUZIMA CYA CYINZUZI***

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo madamu MUKANYIRIGIRA Judith yashimiye ingabo z'igihugu uburyo zikomeje gufasha abaturage b'Akarere ka Rulindo ndetse yibutsa ko ibi bikorwaremezo abaturage baba bahawe ari ibyabo bakwiye kubifata neza .

Uyu muyoboro uzana amazi muri iki kigo nderabuzima cya cyinzuzi waturutse mu Murenge wa Ntarabana ukaba ureshya n'ibilometero 2km na metero 400 ukazafasha n'abaturage batuye aho waciye kubona amazi meza.

Aya mazi yagejejwe muri iki kigo nderabuzima n'ingabo z'igihugu muri gahunda y'ibikorwa by'ingabo zigihugu zifatanya n'abaturage
RDF citizens outreach program hagamijwe gufasha abaturage kugera ku iterambere no kugira imibereho myiza.

## LODA YASHYIKIRIJE ABAJYANAMA MU MIBEREHO MYIZA N'ITERAMBERE TELEFONE ZIGEZWEHO



*Tariki ya 22 Nyakanga ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze LODA Cyashyikirije telephone abajyanama b'imibereho myiza n'iterambere 494 bakorera mu midugudu yose yo mu karere ka Rulindo.*

*Mbere y'uko bashyikirizwa izi telephone Umukozi wa LODA NIYONSABA Liberathe yabanje kwibutsa abajyanama mu mibereho myiza n'iterambera inshingano zabo ndetse akaba yabijeje Gukomeza kubaba hafi mu rwego rwo kubafasha kuragiza inshingano zabo no gutegura kare ibibagenerwa bikabagereraho ku gihe*

*abajyanama mu mibereho myiza n'iterambere bahawe izi Telephone bashimiye LODA kandi bemeza ko zizabafasha gukemura bimwe mu bibazo bahuraga nabyo birimo kubura uko batanga raporo*
*LODA ivuga ko iki ari icyiciro cya mbere cyahawe izi telephone kugirango zizabafashe kurushaho kunoza inshingano zabo.*

*Izi telefoni zikoranye porogaramu ituma zishobora kugaragara aho zaba ziri hose, ndetse zikaba zitemera indi mirongo uretse iyo ba PSWs bahawe na LODA.*
*Ubuyobozi bwa LODA busaba abahawe izi telefoni kuzirikana ko ari ibikoresho by'akazi, bakarushaho kuzifata neza kandi bakirinda kuzikoresha mu bikorwa binyuranye n'akazi.*

## UMUYOBOZI W'AKARERE MADAMU MUKANYIRIGIRA JUDITH YASABYE ABASHINZWE UBUHINZI KWEGERA ABAHINZI BAKABAFASHA KONGERA UMUSARURO.



Ibi yabigarutseho kuri uyu wa kabiri mu nama Umuyobozi Madamu w'Akarere MUKANYIRIGIRA JUDITH ari kumwe n'umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu RUGERINYANGE Theonest bagiranye n'abakozi bashinzwe ubuhinzi mu Karere hamwe n'umufatanyabikorwa mu buhinzi One Acre Fund /Tubura.

Iyi nama yarigamije kurebera hamwe ibyagezweho mu gihembwe cy'ihinga 2025 B ku bufatanye na One Acre Fund/Tubura no gutegura igihembwe cy'ihinga cya 2026A.
Muri iyi nama abashinzwe ubuhinzi basobanuriwe icyerekezo cy'igihugu 2050 n'ibikubiye mu nkingi y'ubukungu muri gahunda y'igihugu yo kwihutisha iterambere NST2,basabwa kwegera abaturage bakabafasha kuzamura umusaruro w'ubuhinzi.

IRADUKUNDA Janvier ushinzwe guhuza inzego za Leta na One Acre Fund/Tubura mu ntara y'amajyaruguru n'iyuburengerazuba ashima uburyo abaturage b'abakarere ka Rulindo bitabira gukorana n'umushinga wa Tubura bafata ifumbire n'imbuto yo guhinga ndetse akaba yizeza ubuyobozi bw'Akarere kuzakomeza gukorana n'abahinzi bo mu karere ka Rulindo bakabafasha kuzamura umusaruro.

Umuyobozi w'akarere MUKANYIRIGIRA Judith yibukije abashinzwe ubuhinzi mu karere ko ubuhinzi aribwo shingiro y'imibereho y'abaturage b'akarere ka Rulindo,asaba ko babafasha kuzamura umusaruro wubuhinzi. Yagize ati :"abaturage b'akarere ka Rulindo barenga 80% batunzwe n'ubuhinzi musabwe kubegera mu kabakangurira guhinga ubutaka kandi mu kabafasha guteza imbere ubuhinzi bakagira ubuhinzi bugira aho bubakura bukagira aho bubageza mu buryo bw'iterambere."

Mu karere ka Rulindo One Acre Fund ikorana n'abahinzi bagera ku bihumbi 51352,ubuyobozi bw'Akarere bukaba bushima One Acre Fund/Tubura ku ruhare igira mu gufasha abaturage kubona inyongeramusaruro n'imbuto y'ibigori, babizeza gukomeza ubufatanye.

## RULINDO HEMEJWE AMASEZERANO YO GUHUZA IMIRENGE SACCO YOSE IGAKORA SACCO IMWE Y'AKARERE.



Nyuma y'inteko rusange y'abanyamuryango b'imirenge SACCO zabaye mu bitandukanye mu karere ka Rulindo, kuwa gatanu tariki ya 11 Nyakanga abaperezida n'abacungamutungo b'imirenge SACCO basinye amasezerano yo kwihuza kw'imirenge SACCO, zigakora SACCO imwe y'Akarere.

Umushinga wo guhuza Sacco z'imirenge witezweho kuzagira umumaro munini harimo kuba Sacco izashobora gutanga inguzanyo y'amafaranga menshi ku baturage bakeneye gukora imishinga minini, no kuba umutekano w'amafaranga y'abaturage uziyongera ndetse no koroshya imitangira ya serivisi mu rwego rw'imari.

Banki nkuru y'igihugu igaragaza ko kugeza ubu Sacco z'imirenge zose uko ari 416 zamaze gushyirwamo ikoranabuhanga.
Hakaba ari muri urwo rwego hakurikiyeho guhuza za Sacco hakabaho Sacco imwe y'Akarere.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukunguRUGERINYANGE Theoneste yijeje intumwa za BNR,MINECOFIN,RCA na AMIR ziri gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga ko akarere kazabafasha kuwushyira mu bikorwa mu gihe uzaba watangiye.

Umushinga wo guhuza imirenge SACCO watangiye mu mwaka wa 2018,Kugeza ubu mu gihugu hose hamaze gushyirwaho Sacco y'Akarere 8 umushinga wo gushyiraho Sacco y'Akarere ka Rulindo nawo ukaba waramaze kunozwa.

## RULINDO HARI KUBAKWA INYUBAKO IZAJYA ITUNGANYIRIZWAMO IBIHINGWA BYOHEREZWA MU MAHANGA.



Iyi nyubako iri kubakwa ku bufatanye n'ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ibikomoka ku buhinzi byoherezwa mu mahanga NAEB, binyuze mu mushinga wa SFVCM ukorera mu Karere ka Rulindo ikaba iri kubakwa mu murenge wa Buyoga aho izajya yifashishwa mu kwita no kumisha umusaruro w'urusenda n'ibitunguru.

Uyu mushinga ukaba uterwa inkunga n'umuryango mpuzamahanga w'ubutwererane w'abanyakoreya KOICA ari nawo utanga ibikoresho byo kubaka iyi nyubako.

Ubwo itsinda rigizwe n'umukozi ushinzwe gukurikirana umushinga SFVCM madamu DATANASE Umuhire Valentine,umukozi w'Akarere ushinzwe guteza imbere ubuhinzi bw'ibyoherezwa mu mahanga NDAYAMBAJE Emmanuel n'umukozi wa KOICA ushinzwe gukurikirana inyubako Mr Heo Cheolho n'umukozi wa Reserve Force ifite amasezerano yo kubaka, Rtd Major Didace KARENZI basuraga iyi nyubako tariki ya 10 Nyakanga basanze imirimo y'ubwubatsi igeze kuri 20%.

Bakaba basabye ko Reserve Force yihutisha imirimo yo kubaka kugira ngo izabe irangiye mu gihe cy'amezi atatu arimbere.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE ABAGIZE ITSINDA RYA NISR BAJE GUSUZUMA IMIHIGO Y'AKARERE 2024-2025



Tariki ya 16 Nyakanga abakozi b'ikigo cy'igihugu cy'ibarurisha mibare bari mu gikorwa cyo gusuzuma ishyirwa mubikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 mu karere ka Rulindo.
iri tsinda ryaje riyobowe na bwana MUNDERERE Theophile ushinzwe kugenzura imihigo y'Akarere ka Rulindo ryakiriwe n'umuyobozi w'Akarere madamu MUKANYIRIGIRA Judith ari kumwe na perezida w'inama njyanama y'Akarere bwana DUSABIRANE Aimable ndetse n'abahagarariye inzego z'umutekano hamwe n'umuyobozi w'ihuriro ry'abafatanyabikorwa b'Akarere ka Rulindo.

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2024-2025 Akarere ka Rulindo kari gafite imihigo 115, igera ku 107 ikaba yarashyizwe mu bikorwa 100% mu gihe imihigo 8 nayo yagezweho ku kigero kiri hejuru ya 70%.

Iyi mihigo ikaba ikubiye mu nkingi eshatu zingenzi harimo inkingi y'imiyoborere myiza,ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.bimwe mu bikorwa byakozwe mu nkingi y'imiyoborere myiza Akarere ka Rulindo kubatse ndetse gasana ibiro by'utugali dutatu,Gusana ikibuga cy'Umupira w'Intoki mu murenge wa Cyinzuzi

Mu gihe mu nkingi y'ubukungu Akarere ka Rulindo kari kahizi kuzamura ubukungu bw'abaturage hibandwa cyane guteza imbere ubuhinzi binyuze mu Kubaka amaterasi y'indinganire ku buso bungana na hegitari esheshatu (6ha)
hubatswe ubutuburiro bw'imbuto y'ibirayi n'inzu z'ubuhunikiro mu Mirenge ya Bushoki na Kisaro, mu rwego rwo gufasha amakoperative y'ubuhinzi kwituburira imbuto.

habayeho guhanga imirimo 5,748 no gufasha urubyiruko 249 kwigishwa imyuga no kuruha ibikoresho birufasha gukora imirimo bize nfdetse hafashwa abaturage 214 kwiga gukora imishinga

Abaturage 1562 bafashwa kubona inguzanyo binyuze muri gahunda ya VUP FS (VUP Financial Services).

Kubaka ikiraro cya Yanze gihuza Umurenge wa Ngoma n'uwa Shyorongi kikazoroshya ubuhahirane hagati y'abaturage batuye muri iyi mirenge yombi;Kubaka Gare ya Shyorongi ku bufatanye na Trinity Metals/ Nyakabingo, mu rwego rwo gufasha abaturage b'Akarere ka Rulindo ndetse n'abatuye.



*ITSINDA RYA NISR N'ABAKOZI B'A KARERE*

mu nkingi y'Imibereho myiza muri uyu mwaka wa 2024-2025 akarere ka Rulindo kari karahize Kubaka imiyoboro y'amazi ya Kinywamagana mu Murenge wa Shyorongi na Kararama mu Murenge wa Cyinzuzi, byafashije Akarere kugera ku ijanisha rya 85.2% by'abaturage bafite amazi meza;Ku bufatanye na REG/EDCL, hubatswe imiyoboro y'amashanyarazi, bituma ijanisha ry'ingo zifite amashanyarazi rigera kuri 87%; Abaturage bagera ku bihumbi 18,000 bahawe Imbabura zirondereza ibicayanwa, Kubaka amacumbi 4 y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye, batuye mu Mirenge ya Ntarabana, Shyorongi na Cyinzuzi, Kubaka ibyumba 16 birimo 4 by'imyuga n'ubumenyi ngiro byubatswe mu mirenge itandukanye;Kubaka ibyumba 4 by'Umukobwa mu Mirenge ya Bushoki na Base; Kubaka urugo mbonezamikurire y'abana bato (ECD) ya Nyamyumba na Kivugiza mu Murenge wa Masoro, ubu mu Karere tukaba tugeze ku ngo mbonezamikurire 836.

Abaturage basaga Ibihumbi 17,000 bafashizwe guhuzwa n'Amahirwe abafasha kwivana mu bukene. Aha twanavuga ko byatanzwe umusaruro

kuko ubu akarere kari ku mwanya wa 11 mu kugabanya Ubukene (EICV7).

## *IMIRYANGO 40 YAHAWE INKA ZITANGA UMUKAMO*



Tariki ya 15 Nyakanga ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo ku bufatanye n'umushinga ushinzwe guteza Imbere Ubworozi bw'Inka zitanga Umukamo(RDDP2) ba shyikirije abaturage bo mu mirenge ya Mbogo, na Cyinzuzi inka zitanga umukamo,muri buri murenge hakaba hatanzwe inka 20 zahawe abaturage muri gahunda ya Gira inka munyarwanda.


Izi nka zatanzwe n'umuryango Heifer International Rwanda ku bufatanye n'umushinga ugamije guteza imbere inka zitanga umukamo mu kigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi RAB
Abaturage bahawe inka bishimiye kuzihabwa ndetse bashimira n'umukuru w'igihugu Nyakubahwa PAUL KAGAME watangije iyi gahunda ya gira inka munyarwanda bakaba bemeza ko inka bahawe zizabahindurira ubuzima haba mu kwiteze imbere biturutse mu kubona ifumbire ndetse no kunywa amata bakagira ubuzima bwiza.

Abahawe inka kandi biyemeza kuzifata neza mu rwego rwo kwirinda gutatira igihango bagiranye n'umukuru w'igihugu Nyakubahwa PAUL KAGAME.
HABIMANA Alexis uhagarariye umushinga Hiefer mu turere twa Gicumbi na Rulindo yasabye abaturage bahawe inka kuzifata neza zikazabagirira akamaro kandi zikabafasha kwiteza imbere zikazabyara bakoroza bagenzi babo.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iteramber ry'ubukungu RUGERINYANGE Theonest yashimiye umuryango Heifer international Rwanda n'ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi RAB, ubufatanye bakomeje kugirana n'Akarere ka Rulindo mu guteza imbere abaturage, asaba abahawe inka kuzitaho no kuzifata neza zikazabakura mu bukene, zikanabafasha kurwanya igwingira n'imirire mibi muri rusange.

Inka zitangwa zibanza gukingirwa indwara y'ikibagarira ndetse abazihawe bose bahabwa Umunyu wo kurigata (mineral bloc), umuti w'uburondwe(Acaricide),ipombo yo gutera umuti w'uburondwe n'ibinini by'inzoka.
Uyu mushinga ufite intego yo kuzatanga inka 200 zitanga umukamo mu baturage b'akarere ka Rulindo ukaba umaze gutanga inka 80 zahawe abaturage bo mu mirenge ya NGOMA,RUSIGA,MBOGO na CYINZUZI

## *UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE PETER GELETA UMUYOBOZI MUKURU WA TRINITY METALS*



Tariki ya 30 Nyakanga umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yakiriye mu biro bye umuyobozi mukuru wa Trinity Metals Peter Geleta baganira uburyo bwo kunoza ubufatanye mu bikorwa bigamije iterambera ry'Akarere n'igihugu muri rusange.

Trinity Metals ni company ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu karere ka Rulindo ikaba ifite ibigo bibiri by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro harimo ikigo cya RUTONGO Mine gicukura amabuye yo mu bwoko bwa gasegeriti mu mirenge ya Murambi,Masoro na Cyinzuzi.
Ikindi kigo cya Trinity metals ni NYAKABINGO Mine ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro yo mu bwoko bwa Wolfram mu murenge wa wa Shyorongi,iki kigo kikaba giherutse gusurwa n'umukuru w'igihugu Nyakubahwa PAUL KAGAME ku itariki ya 23 z'ukwezi kwa gatanu.

Ubwo umuyobozi w'Akarere yakiraga umuyobozi mukuru wa Trinity Metals bagiranye by'ibanze ku bikorwa biteganyijwe bya trinity metals byaba ibizakorwa na Mine ya NYAKABINGO ndetse na Rutongo mine bigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.

Ibiganiro kandi byanagarutse ku bujyanama hagati y'impande zombie ku hakwiye gushyirwa imbaraga n'ibikwiye kunozwa kugirango nka Trinity umwe mubafatanyabikorwa b'Akarere ikomeze kugira uruhare Akarere kayitezeho

***INTEKO Y'UMUCO IRASHIMA UBURYO AKARERE KA RULINDO KABUNGABUNGA IBIMENYETSO NDANGAMURAGE BIRI MURI AKA KARERE.***



Ibi byagarutsweho tariki ya 31 Nyakanga ubwo umuyobozi w'intebe y'inteko wungirije UWIRINGIYIMANA Jean Claude yakirwaga n'umuyobozi w'Akarere mu gikorwa cyo kumenyekanisha amateka y'aharamvuriwe ingoma y'ingabe karinga Rwili-Nturo mu murenge wa Cyungo.

Amateka agaragaza ko muri aka gace ariho hari igiti cy'umwungo cyaharamvuwemo ingoma y'ingabe Karinga yafatwaga nk'ikirango k'igihugu gikomeye ku ngoma ya cyami kuva mu mwaka wi 1510-1961 ku ngoma y'umwami RUGANZU II Ndoli.



***SITE YA RWILI -NTURO AHARAMVURIWE INGOMA Y'INGABE KARINGA***

Umuyobozi w'Akarere ka Madamu MUKANYIRIGIRA Judith yagaragaje ko mu karere ka Rulindo hari ahantu hatandukanye hafite amateka harimo aka gace ka Rwili-Nturo ,ku kirenge cya Ruganzu, Ngabo itsinze aho igikomangoma Forongo n'ingabo ze zatsindiye abanyoro, ibigabiro by'abami,butangampundu ndetse no mukisigiro, kinihira ahabereye amasezerano y'amahoro hagati ya FPR INKOTANYI na Leta yariho icyo gihe,cyamutara mu murenge wa Ntarabana hari ikiraro cya mbere cyubatswe ku ngoma ya MUTARA I Semugeshi,Mushongi mu murenge wa Base hari abacuzi bambere bakomeye mu Rwanda no muri Afurika hakaba ariho hacurirwaga amasuka y'amaberuka.



***MADAMU MUKANYIRIGIRA JUDITH UMUYOBOZI W'AKARERE***

Umuyobozi w'Akarere akaba yavuze ko igikorwa cyo kumenyekanisha ahantu ndangamurage gifite agaciro gakomeye kuko bifasha gusigasira amateka y'umurage by'abanyarwanda ari naho tuvamo indangagaciro z'ubutwari.

Umuyobozi w'intebe y'inteko wungirije ushinzwe ku bungabunga ururimi n'umuco UWIRINGIYIMANA Jean Claude yashimiye Akarere ka Rulindo umuhate kagira wo kubungabunga amateka ndangamurage binyuze mu gushyiraho ikigo cyibumbatiye amateka y'umwami RUGANZU giherereye mu murenge wa Rusiga.



***JEAN CLAUDE UWIRINGIYIMANA UMUYOBOZI W'INTEBE Y'INTEKO WUNGIRIJE***

Uyu muyobozi akomeza avuga ko inteko y'umuco yateguye iki gikorwa mu rwego rwo gusura ahantu ndangamurage hafitanye isano n'umuganura aho inteko y'umuco n'itsinda ry'abanyamakuru bakorera ibitangazamakuru bitandukanye basuye ahantu 4 harimo ku bigabiro bya Rwabugiri,Rubengera, aho umwami Rwabugiri yizihirije umuganura inshuro umunani mbere y'ubukoloni,ahandi hasuwe ni kumukore wa Rwabugiri aho umwami Rwabugiri yakiriye Von Gotsen.

UWIRINGIYIMANA Jean Claude kandi avuga ko iyi gahunda igamije gushimangira ubufatanye n'akarere ka Rulindo mu kubungabunga amateka ndangamurage.

## RULINDO HATANGIJWE GAHUNDA YO KWITA KU BANA N' URUBYIRUKO MU BIRUHUKO




Tariki ya 23 mu mirenge yose igize akarere ka Rulido hatangijwe gahunda yo kwita kubana n' urubyiruko igamije kubarinda kujya mu ngeso mbi zibangiriza ubuzima.ni gahunda ifite insanganyamatsiko igira iti: ubuzima bwiza Agaciro kanjye.

Ku rwego rw'Akarere iki gikorwa cyatangirijwe mu kigo cy'urubyiruko kiri mu murenge wa shyorongi gitangizwa ku mugaragaro n'umuyobozi w'Akarere madamu MUKANYIRIGIRA Judith ari kumwe n'intumwa yaturutse mu nteko ishinga amategeko Hon ICYITEGETSE Venuste hamwe n'abagize inzego z'umutekano.

Atangiza iyi gahunda umuyobozi w'Akarere ka Rulindo madamu MUKANYIRIGIRA Judith yasabye ababyeyi gushyigikira iyi gahunda bohereza abana babo kugirango bahabwe amasomo yateguwe.
Yagize ati:"mbere na mbere turasaba ababyeyi guyishyigikira iyi gahunda ndetse no kohereza abana kuza gukurikirana amasomo yateguwe, babyeyi, nimwe mufite uruhare runini kugira ngo iyi gahunda izagende neza,ubufatanye bwanyu ni ingenzi kandi burakenewe".



**MADAMU MUKANYIRIGIRA JUDITH UMUYOBOZI W'AKARERE**

Umuyobozi w'Akarere kandi yasobanuye inyungu abana n'urubyiruko bazakura muri iyi gahunda binyuze mu bikorwa biteganyijwe, birimo amasomo ajyanye n'uburere mboneragihugu kwiga indangagaciro z'umuco nyarwanda no kugira isuku.
Muri iyi gahunda y'urubyiruko mu biruhuko abana bazagirana ibiganiro hagati yabo ndetse habeho kuvumbura no gukuza impano bifitemo binyuze mu mikino, siporo n'ubuhanzi, kumenya guhanga umurimo n'ibindi.

Hon ICYITEGETSE Venuste umudepite mu nteko ishingamategeko wari waje kwifatanya n'abana n'urubyiruko bo mu karere ka Rulindo mu gutangiza iyi gahunda yasabye urubyiruko kuzitabira iyi gahunda rukurikira amasomo bazahabwa n'abatoza ndetse abakangurira kwirinda ibiyobyabwenge n'izindi ngeso mbi ahubwo bagaharanira gusigasira ibyagezweho.



**HON. ICYITEGETSE VENUSTE**

Iyi gahunda mu karere ka Rulindo yitabiriwe n'abana bagera ku 22253 mu bana 27119 bari bateganyijwe buri murenge ukaba ufite site zirenze 3 ariko ukagira site y'icyitegererezo

## ABAKOZI B'URWEGO RWUNGANIRA UBUYOBOZI BW'AKARERE MU GUCUNGA UMUTEKANO BASUYE URWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA MVUZO BUNAMIRA IMIBIRI ISHYINGUYE MURI URU RWIBUTSO



Tariki ya 2 Nyakanga abagize urwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano bayobowe n'umuhuzabikorwa w'uru rwego KANOBANA Girbert hamwe n'umuyobozi wa IBUKA mu karere madamu MUREBWAYIRE Alphonsine basuye urwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi rwa Mvuzo bunamira inzirakarengane zishyuye muri uru rwibutso.

Abakozi b'uru rwego basobanuriwe amateka ya Jenoside yakorewe abatutsi mu cyahoze ari komine MUGAMBAZI Ndetse no ku musozi wa mvuzo byumwiharika basabwa kurwanya abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe abatutsi no kwigisha abakiri bato ubumwe n'ubudaheranwa bakirinda ingengabitekerezo ya Jenoside.



Nyuma yo gusura urwibutso abagize Urwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano basuye ndetse bafata mu mugongo MUKANGARAMBE Annonciatha warokotse jenocide utuye mu murenge wa Cyinzuzi aho bamuhaye ibiribwa n'ibindi bikoresho bitandukanye.